# *Uko Mbabona.*

## *Uko Mbabona, Nubwo Ari Bake, Na Loni Irabatinya! None Kuki Mutabisunga kandi Mubazi, Mubabona ngo Mubatize Umurindi?*



***Uko Mbabona aba uko ari batatu, uko bakurikirana uva hejuru ujya hasi, ni intwari Abanyarwanda twese twemeranyaho:***

1. ***Victoire Ingabire Umuhoza;***
2. ***Callixte Nsabimana Sankara; na***
3. ***Diane Shima Rwigara.***

***Rero aba twese tubona nk'abalideri buzuye si bo banzinduye.***

**---------------------------------**

*Reka ndase ku ntego y'uyu munsi. Umunyamakuru nyiri ikiganiro "ukuri k'ukuri", Tharcisse Semana, aherutse gutangiza ikindi kiganiro yise njye "UKO BYUMVA" cyangeze ku nzoka, kuko ni ikiganiro giha urubuga abantu bafite ibitekerezo binyuranye rwo kubivuga uko babyumva. Kubivuga uko ubyumva ntubiryozwe ni imwe mu nkingi za Demokarasi. Icyo kiganiro rero ni cyo cyanyunguye igitekerezo cyo kwandika iyi nyandiko nise uko njye MBABONA ... Nizere rero ko nimbavuga uko mbabona ntawe urabindyoza, ahubwo ko umuntu wese ubona "narahumye" arampumura, bityo demokarasi igakomeze igatera imbere mu myumvire n'imirebere yacu.*

*Bande kandi kubera iki? Ndabona igihe ari iki cy'uko buri muntu atinyuka kuvuga uko abona Abanyarwanda, muri rusange, n' "abanyapolitiki" babo babizeza ko bagiye/bashoboye kubabohora ingoyi ya Kagame n'agatsiko ke, by'umwihariko.*

- *Njye mbona Abanyarwanda, muri rusange, ubwoko bw'Abanyiginya n'umuryango wa nyakwigendera Fred Gisa Rwigyema, by'umwihariko, barahumye cyangwa barahumishijwe n'agatsiko ka Paul Kagame guhera tariki ya 02/10/1990 kugeza magingo aya kamamaza ko intwari yabo Fred Gisa Rwigyema yishwe n'abasoda ba Habyarimana.*

*Ndahamya ko Abanyiginya bahumutse, bakareba neza, bakwifatanya n'abandi banyarwanda mukurwanya agatsiko kayobowe n'umwega Paul Kagame wo kwa Rwakagara.*

- *Njye mbona abatutsi n'abahutu bacitse icumu ry'interahamwe, kubera ko baribarohereje abana babo kurwanira Paul Kagame, ari ba bwoba cyangwa ba nda nini iyo, magingo aya,*

*bakibyinira umurozi wabamazeho urubyaro kandi bazi neza ko bamwe mu bana babo yabakubise agafuni kandi akaba anari we wateguye Jenoside yabamazeho ababo, akayitangiza yica Habyarimana kandi akanga ko abatemagurwa batabarwa.*

*Aba barasabwa gushirika ubwoba nk'abo kwa Rwigara maze agahu kagahabwa umunyutsi.*

- *Naba ntareba neza se, iyo njye mbona abacikacumu b'ababatutsi, baribârize bakaminuza kandi bafite akazi keza cyane mbere ya jenoside, barahungabanye bikomeye iyo batekereza* ***nka Faranswa Nzanzuwera, wiyibagiza nkana ko uwahanuye indege ya Habyarimana ari we wateguye jenoside yakorewe abatutsi, akayitangiza*** *kandi akananga ko abicwaga batabarwa?*

*Ubwose ntibabona ko kohereza abatekinisiye mu nterehamwe bo kuzitiza umurindi wo gutemagura abatutsi ari* ***ikimenyetso simusiga cyatanzwe na TPIR, F. Nsanzuwera yakoreraga, kigaragaza ku buryo budasubirwaho ko Paul Kagame ari we wateguye nyine Jenoside yakorewe Abatutsi?*** **Niba wumva igifaransa menya ukuri k'ukuri uklika aha.**

*Aba Callixte Sankara arabasaba kuva ku giti Bagosora bakajya ku muntu Paul Kagame.*

- *Njye mbona abapfakazi nka ambas Charlotte Mukankusi, Leya Karegeya, Cyrie Sendashonga ... n'imfubyi zabo barayobye cyane igihe bahisemo gukurikira ikimuga cy' umujenosideri wafatanyije na Paul Kagame gutegura Jenoside yakorewe Abatutsi, kuyitangiza no kwanga ko abicwaga batabarwa. Njye ndabahamiriza ko umuntu wuzuye amaraso mu biganza adashobora kurwanya uwo bafatanije kuyakaraba abivanye ku mutima. Jamais!*

- *Mbona abahutu bize nka Gervais Condo, Nayigiziki, Bukeye, Bahunga, ... bateye agahinda gakabije iyo bifatanya, bisunga Kayumba Nyamwasa wakoreye jenoside ubwoko bwabo bibeshya ko azabageza ku butegetsi; Mwe se mubona bishoboka? Jamais de la vie!*

- *Njye mbabazwa cyane no kubona abasore b'intarumikwa nka Ben Rutabana, Serge Ndayizeye, Maj Robert Higiro, ... n'abadogiteri nka Dr Himbara, Ngiruwonsanga ... bagitegereje amakiriro yabo ku kimuga cyamugajwe na Paul Kagame none ubu kikaba kimusaba kugirana na we ibiganiro. Ibaze nawe: umuntu araguhiga, yagerageje kukwica inshuro zirenze eshatu, none urasaba kwicarana na we ngo muganire! Burya iyo wamugajwe n'isasu uba wagiye koko!*

- *Birantangaza cyane ukuntu* ***abiyise P5 batinya gusaba Amerika imbunda*** *ngo ibafashe guhirika agatsiko k'amabandi k'itwaje imbunda ka Kagame kayogoje u Rwanda kataretse n'akarere k' ibiyaga bigali by'Afurika kose, kandi Amerika yarabibemereye guhera mu 2016 igihe yemeje ko Abanyarwanda badashobora na gato guhindura ubutegetsi bw'igihugu cyabo binyuze mu nzira y'amahoro n'amatora. Bashaka se ubundi butumwa buhe? Ndibutsa bariya bakambwe, abenshi bize mu masominali, ko kurwanya ukoresheje ingufu abakoloni n'abanyagitigu ku isi hose ari intego Letazunze ubumwa z'Amerika zihaye zikimara kwirukana abakoloni b'Abongereza.*

*Mbese abayobozi ba P5 bize gusoma hagati y'imirongo ngo bansobanurire icyo interuro ukurikira isobanura?*

*"The most important human rights problems were government harassment, arrest, and abuse of political opponents, human rights advocates, and individuals perceived to pose a threat to government control and social order; security forces' disregard for the rule of law; and restrictions on media freedom and civil liberties.* ***Due to restrictions on the registration and operation of opposition parties, citizens did not have the ability to change their government through free and fair elections."***

*Narabyanditse ndabisinyira ko P5 abanyarwanda benshi bahanze amaso, kubera ikimuga Kayumba*

*Nyamwasa, ari icyka gusa. Ni yo mpamvu nongeye gusaba Abanyarwanda bari mu kaga kuva ku bigarashya bicitse, bakagana abagabo n'abategarugori biyemeje gufata umuheto bakarwanira urwababyaye,* ***Intwarane ziri ku rugamba na Loni ubwayo itinya!***

## *Ni byo se koko na Loni irabatinya? Abo ni bande?*

*Abagabo* ***Paul Rusesabagina****,* ***Majr Callixte Nsabimana Sankara****,* ***Gen Willison Iratgeka, uretse Paul Kagame na Loni irabatinya.*** *Ndabeshya? Aba bagabo b'intwari bavugiye ku karubanada, bati dufashe imbunda, guhera ubu twiyemeje guhangana n'agatsiko kayogoje akarere n'Abanyarwanda. Ntibabivuze gusa, baranditse ... bandikira Amerika, Uburaya, Afurika, Ostraliya na Asiya ko bafashe* ***intwaro****,* ***imbunda; barangije barabisinyira****. Nta banga. Umuvugizi wabo, Sankara, ahora avugira ku karubanda, ati "Paul Kagame n'agatsiko ke ntibashobora gutinyuka kutuvuga nubwo turwana nabo, nubwo muri iyo ntambara hari abasirikari b'u Rwanda ndetse n'abasivile bamaze kuyigwamo". Si byo se? Igitangaje cyane ni uko atari agatsiko ka Paul Kagame gusa gatinya bariya bagabo. Na Loni ubwayo irabatinya: Uku kubatinya byabaye ukuri kw'impamo kuva tariki ya* ***31/12/2018*** *aho raporo y'impuguke za Loni yasohotse ivuga ko icyuka gusa, P5, kiyobowe n'ikimuga* ***Kayumba Nyamwasa gifite abasirikari n'imbunda zitangwa n'igihugu cy'u Burundi mu mugambi wo gutera u Rwanda****, ariko iyo* ***raporo ya Loni igafunga "kinwa" ku mutwe w'abarebeli FLN wa Sankara.***

*Aha ndabaza Abanyarwanda: bakeneye ikindi kihe kimenyetso ngo bamenye/babone neza umulideri w'ukuri?*

*Ikibazo aha ni ukumenya impamvu Kagame, Amerika, na Loni... bose batinya kuvuga (nabi) bariya bagabo uko ari batatu.* ***Ubudahangarwa babukura hehe ???*** *Ubudahangarwa, igitinyiro cya bariya bagabo gishingiye ku guhagararira abacikacumu,* ***b'abatutsi n'ab'abahutu bishize hamwe,*** *ba jenoside yakorwe abanyarwanda bari mu Rwanda mbere ya 1994:*

- ***Ni ngombwa kwibutsa ko Paul Rusebagina, perezida wa MRCD yahawe igihembo cy'ikirenga*** *na Leta zunze ubumwe z'Amerika kubera ubutwari butagereranwa yagize mu kurinda abantu bose bamuhungiyeho muri Jenoside; mu gihe* ***Paul Kagame we yariyarohereje abatekinisiye bo kwigisha interahamwe gutemagura izo nzirakarengane!*** *Birumvikana rero aha ko Rusesabagina ari nk'umucyo cyangwa amazi naho Kagame akaba nk'umwijima cyangwa umuriro ubwoba mwamaze;*

- *Ntawe utazi ko umusingi w'ubutegetsi bwa Paul Kagame ari Jenoside yakorewe abatutsi naho imitsindo umutsindira abamunenga bose ikaba amagufa y'abanyarwanda yanitse mu tubati no mu Rwanda hose.* ***Iyo umucikacumu Sankara avuze ko iyo ndirimbo ya Jenosside Kagame n'intore bahoza ku munwa Abanyarwanda bayihaaze, Kagame n'izo ntozo ze barabundabunda, bakaruca bakarumira****, bakaba nk'imboga z'urudega zikubiswe n'umwuka.*

- *Ndakwinginze fata iminota 3 gusa uklika aha hejuru wongere umwiyumvire.*

- *Hari utazi se ko rimwe mu turufu FPR yakoresheje ... ari uguteranya Abanyendunda n'Abakiga, ibesha Abanyenduga ko umwanzi wabo ari umukiga, kandi ko abasirikari bakuru bose ba Habyara bari abakiga. Iyo umunyenduga Gen. Willison Irategeka na bagenzi be rero bibukije benewabo ko FPR yageze i Gitarama, iwabo wa Mbonyumutwa na Kayibanda, igasya itanzuye, igahanagura icyitwa umuhutu cyose, Paul Kagame n'agatsiko ke barasuherwa. Ikindi kandi nta n'uwakwirangagiza ko Willison na bagenzi be barwanye ku mpunzi zo muri Kongo zimaze hafi imyaka 25 zihigwa na Loni, Amerika n'umukozi wabo Paul Kagame kandi zikaba zigihumeka, magingo aya. Ubutwari bwe na bagenzi be ni ngombwa kubuzirikana. Si byo se?*

***Burya Paul, Callixte na Willison ni nk'ubutatu butagatifu.*** *Birumvikana kandi kuko iyo abacikacumu b'abatutsi n'ab'abahutu bishize hamwe, hakiyongeraho icyamamare Paul, bakavuga bashize amanga ko biyemeje kurwanya uwateguye Jenoside yakorewe abatutsi, akayitangiza yica Habyarimana kandi akabuza Loni gutabara abatemagurwaga igihe yohereje Gahima na Dusayidi muri Amerika,... nta muntu n'umwe, n'umwe watinyuka kubavuvumvuraho; ndetse na Loni ubwayo ntiyatinyuka. Igisigaye gusa ni ukubaha kalashinikovu bakakurasira Inkotanyi.*

*Ndasaba nkomeje rero abanyumva: abosere bayobye nka Ben Rutabana, Mjr Robert Higiro, Serge Ndayizeye;*
*Ndahendahenda abapfakajwe na PK nka ambas Chorlotte Mukankusi;*
*Ndabwira urubyiruko rw'abacicumu nka Munanayire Emeline;*
*Ndahanura abasaza nka Condo na Bahunga;*
*Rwose ndinginga Abanyarwanda bose bari mu kakaga (...) kureka icyuka P5 bakagana FLN kandi bakazirikana iri ijambo ry'umusore w'amarere Sankara: INZIRA NI IMWE GUSA, NI ISASU!*

*UMVA UMUGABO NYA MUGABO. Imana imuhe iruhuko mu bayo!*

## *Umwanzuro.*

*Nkuko mpora mbivuga, opozisiyo iri imbere mu gihugu igomba gucana magufi kuko agatsiko ka Paul Kagame nta mususu kagira mu kwica no kuroga. Abakurambere baciye umugani, bati "uwitonze akama ishashi". Njye mbona bikomeye cyane kongera kubona intwari nka Victoire Ingabire Umuhoza cyangwa Diane Shima Rwigagara, baramutse bishwe. Byaba byiza rero babaye nka Nelson Mandela "mu buroko"!*

*Mu by'ukuri, nta munyarwanda n'umwe utabona ko inzira ya P5 y'ibiganiro na Paul Kame ari icyuka gusa. Abanyarwanda rero barasabwa gukurikira inzira imwe rukumbi, nkuko Amerika ibyemeza, ya Callixte Nsabimana Sankara: ISASU.*

*Ndabisubiramo: umuntu wafatanije na Paul Kagame gukaraba amaraso... ntashobora na gato kumurwanya abivanye ku mutima: abatabyumva gutyo si abanjye.*

*Ndararikira Abanyarwanda kongera gusoma inyandiko iri AHA*

*Samuel Lyarahoze, 11/01/2019*